| 6° gushyikiriza Umuyobozi Mukuru wa UR umushinga w'ingengo y'imari ya Koleji, umushinga wa gahunda y'ibikorwa bya Koleji y'igihe gito, igiciriritse n'ikirekire ; | 6° forwarding to the Vice Chancellor of UR the budget proposal as well as the short, medium and long term draft plan of action of the College;                                      | 6° soumettre au Vice Chancelier de UR le projet de budget du Collège ainsi que le plan d'action du Collège à court, à moyen et à long terme;   |
| 7° gukora imishinga y'ubufatanye n'andi mashuri makuru, ibigo by'ubushakashatsi cyangwa izindi nzego igashyikirizwa Umuyobozi Mukuru wa UR ;                      | 7° preparing the cooperation agreement proposals with other higher learning institutions, research centres and other institutions and forwarding them to the Vice Chancellor of UR; | 7° préparer les projets de convention de coopération avec d'autres institutions d'enseignement supérieur, les centres de recherche et d'autres institutions et les soumettre au Vice Chancelier de UR; |
| 8° gukora buri mwaka raporo rusange y'ibikorwa n'imikoreshereze y'imari bya Koleji no kuyishyikiriza Umuyobozi Mukuru wa UR;                                      | 8° preparing the annual activity and financial reports of the College and submitting them to the Vice Chancellor;   | 8° préparer et soumettre chaque année au Vice Chancelier le rapport annuel d'activités et le rapport financier du Collège;   |
| 9° gukora indi mirimo yose ijyanye n'inshingano ze ashobora kugenerwa n'Umuyobozi Mukuru wa UR.   | 9° carrying out any other duties related to his/her responsibilities as may be assigned to him/her by the Vice Chancellor.  | 9° exécuter toute autre activité en rapport avec ses attributions lui confiée par le Vice Chancelier   |

**Ingingo ya 35: Amasezerano ya gahunda y'ibikorwa hagati y'Umuyobozi Mukuru wa UR n'Umuyobozi wa Koleji**

Hagati y'Umuyobozi Mukuru n'Umuyobozi wa Koleji bya UR hakorwa amasezerano yerekeye gahunda y'ibikorwa agaragaza nibura inshingano za buri ruhande n'ibyangombwa bikenewe kugira ngo

**Article 35: Performance Contract between the Vice Chancellor of UR and the Principal**

A performance contract shall be concluded between the Vice Chancellor and Principal of the College of UR relating to an action plan, indicating at least the responsibilities of each

**Article 35 : Contrat de performance entre le Vice Chancelier de UR et le Directeur de Collège**

Il est conclu, entre le Vice Chancelier de UR et le Directeur de Collège de UR, un contrat de performance déterminant au moins les obligations de chaque partie et les besoins nécessaires à la

*Official Gazette n°51 of 23 December 2013*

Koleji igere ku nshingano zayo.

party and necessary requirements in order for the College to fulfill its mission.

réalisation de la mission du Collège.

**Ingingo ya 36: Imikoranire y'Umuyobozi Mukuru wa UR n'Abayobozi ba za Koleji**

**Article 36: Working relationship between the Vice Chancellor and Principals**

**Article 36: Relation de travail du Vice Chancelier et des Directeurs des Collèges**

Abayobozi ba za Koleji bayoborwa n'Umuyobozi Mukuru wa UR. Bamuha raporo y'ibikorwa bya buri kwezi n'igihe cyose bibaye ngombwa. Abayobozi ba Koleji bagomba kandi kumuha raporo y'ibyemezo by'agateganyo bafashe kubera impamvu zihutirwa.

The Principals of the College shall be responsible to the Vice Chancellor. They shall be required to submit to the Vice Chancellor a monthly activity report or at any other time if considered to be necessary as well as provisional decisions taken due to an emergency.

Les Directeurs de Collèges de UR sont placés sous la direction du Vice Chancelier de UR. Ils lui soumettent un rapport d'activités mensuelles et chaque fois que de besoin et aussi un rapport des décisions provisoires prises en cas d'urgence.

**Akiciro ka 3: Inama ya Koleji**

**Sub-Section 3: College Council**

**Sous section 3: Conseil de Collège**

**Ingingo ya 37: Inshingano z'Inama ya Koleji**

**Article 37: Responsibilities of the College Council**

**Article 37: Attributions du Conseil de Collège**

Inama ya Koleji ni rwo rwego rushinzwe ibyerekeye ubuyobozi, imari n'abakozi muri buri Koleji ya UR.

The College Council shall be the organ responsible for administrative, financial and human resource matters in each College of UR.

Le Conseil de Collège est l'organe chargé des questions administratives, financières et de ressources humaines dans chaque Collège de UR.

Inshingano z'Inama ya Koleji ni izi zikurikira:

Responsibilities of the College Council shall be the following:

Les attributions du Conseil de Collège sont les suivantes :

1° gutegura ingamba n'iteganyabikorwa bigamije iterambere ry'ibikorwa remezo n'ibikoresho, ibindi bikorwa n'inkomoko y'umutungo bya Koleji;

1° to prepare strategies and plans for development of infrastructure and materials, other activities and sources of the property of the College;

1° préparer des stratégies et des plans d'activités pour le développement des infrastructures et des équipements, d'autres activités ainsi que des ressources du Collège;

2° kwemeza no gukurikirana imikoreshereze y'inyubako n'ibikoresho bya Koleji;

2° to approve and monitor the use of buildings and the equipment of College;

2° approuver et faire le suivi de l'utilisation des bâtiments et des équipements du collège ;

3° gutegura no gushyikiriza Ubuyobozi Bukuru bwa UR ibyemezo birebana n'ishyirwaho

3° to prepare and to submit to the Senior Management of UR decisions relating to the

3° établir et soumettre à la Direction Générale de UR, des décisions relatives à la nomination et

**Official Gazette n°51 of 23 December 2013**

ry'abakozi batari abarimu cyangwa abashakashatsi hamwe n'izamurwa mu ntera ryabo;	appointment and promotion of non-academic or research staff;	à la promotion du personnel non-académique ou de recherche;
4° gusuzuma ingengo y'imari n'iteganyabikorwa bya Koleji mbere y'uko bishyikirizwa ibiro by'Umuyobozi Mukuru wa UR.	4° to review the College budget and action plan prior to submission to the office of Vice Chancellor of UR.	4° examiner le budget du Collège et les plans d'action avant de les soumettre au Bureau du Vice chancelier de UR.

**Ingingo ya 38: Abagize Inama ya Koleji**

**Article 38: Membership of the College Council**

**Article 38: Composition du Conseil de Collège**

Inama ya Koleji igizwe n'aba bakurikira:

The College Council shall be composed of:

Les membres du Conseil de Collège sont les suivants :

- 1° Umuyobozi wa Koleji ya UR, ari na we Perezida;
- 2° Umuyobozi w'Ubutegetsi n'Imari ari na we Visi-Perezida n'umwanditsi ;
- 3° Umuyobozi w'ibyerekeye inyigisho ;
- 4° Abayobozi b'Amashuri;
- 5° Abayobozi b'ibigo bishamikiye kuri Koleji.

- 1° the Principal of the College of UR, who shall be the Chairperson;
- 2° the Director of Administration and Finance who shall be the Vice Chairperson and rapporteur;
- 3° the Director of Academic Affairs;
- 4° the Deans of Schools;
- 5° the Directors of Centres and Institutes.

- 1° le Directeur de Collège de UR, qui en est le Président ;
- 2° le Directeur de l'Administration et des Finances qui en est le Vice-Président et rapporteur ;
- 3° le Directeur des affaires académiques ;
- 4° les Doyens d'Ecoles;
- 5° les Directeurs des Centres et Instituts.

**Ingingo ya 39: Iterana ry'Inama ya Koleji**

**Article 39: Meetings of the College Council**

**Article 39: Tenue des réunions du Conseil de Collège**

Inama ya Koleji iterana buri kwezi n'igihe cyose bibaye ngombwa, itumiwe na Perezida wayo cyangwa Visi Perezida iyo Perezida adahari, cyangwa bisabwe mu nyandiko na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abayigize.

The College Council shall meet once every month and whenever necessary upon the invitation by its Chairperson or Vice-Chairperson in case the Chairperson is absent, or upon request, in writing of one third (1/3) of its members.

Le Conseil de Collège se réunit chaque mois, et autant de fois que de besoin sur convocation de son Président ou de son Vice-Président en cas d'absence ou d'empêchement du Président, ou sur demande écrite d'un tiers (1/3) de ses membres.

Inama ya Koleji iterana iyo hari nibura bibiri bya

The College Council shall meet if at least two

Le Conseil de Collège se réunit lorsqu'au moins

gatatu (2/3) by'abayigize.

**Ingingo ya 40: Itumira mu nama z'Inama ya Koleji ry'umuntu ushobora kuyungura inama**

Inama ya Koleji ishobora gutumira mu nama zayo umuntu wese ibona ashobora kuyungura inama ku ngingo runaka ifite ku murongo w'ibygwa. Uwatumiwe ntiyemerewe gutora no gukurikirana iyigwa ry'izindi ngingo zitari izo yahamagariwe.

**Ingingo ya 41: Gushyiraho amatsinda yihariye y'Inama ya Koleji**

Inama ya Koleji ishobora gushyiraho amatsinda yihariye agizwe na bamwe mu bayigize.

**Akicro ka 4: Inama ishinzwe inyigisho**

**Ingingo ya 42: Inshingano z'Inama ishinzwe inyigisho**

Inama ishinzwe inyigisho ni rwo rwego rushinzwe inyigisho, ubushakashatsi n'uburezi muri Koleji ya UR.

Inshingano z'Inama ishinzwe inyigisho ni izi zikurikira:

- 1° gutegura ingamba, gahunda n'ingengabihe z'inyigisho n'iz'ubushakashatsi muri Koleji ya UR, kuzishyikiriza Urwego rushinzwe imyigire n'imyigishirize rwa UR no kuzishyira mu

thirds (2/3) of its members are present.

**Article 40: Invitation of any resourceful person in the meetings of the College Council**

The College Council may invite to its meetings any resourceful person with particular expertise in order to provide advice on particular issues. The invitee shall not be not allowed to vote and discuss other issues on the agenda for which he/she was not invited for.

**Article 41: Establishing specialised committees of the College Council**

The College Council may establish specialised committees composed of some of its members.

**Sub-Section 4: Academic Council**

**Article 42: Responsibilities of the Academic Council**

The Academic Council shall be the organ responsible for academic affairs, research, and education in the College of UR.

The responsibilities of the Academic Council shall be the following:

- 1° to design the strategies, program and timetable of courses and research activities in College of UR, transmit them to the Academic Senate of UR and implement

deux tiers (2/3) de ses membres sont présents.

**Article 40: Invitation d'une personne ressource aux réunions du Conseil de Collège**

Le Conseil de Collège peut inviter à ses réunions toute personne qu'il estime compétente pour l'aider à traiter des questions particulières. La personne invitée n'a pas de voix délibérative et participe uniquement aux débats concernant le point sur lequel elle est consultée.

**Article 41: Création des commissions spécialisées au sein du Conseil de Collège**

Le Conseil de Collège peut créer des commissions spécialisées composés de certains de ses membres.

**Sous section 4: Conseil Académique**

**Article 42: Attributions du Conseil Académique**

Le Conseil Académique est l'organe responsable des affaires académiques, de la recherche et de l'éducation au sein du Collège de UR.

Les attributions du Conseil Académique sont les suivantes :

- 1° arrêter les stratégies, les programmes et les calendriers académiques et de recherche au sein du Collège de UR, les soumettre au Sénat Académique de UR et les mettre en

*Official Gazette n°51 of 23 December 2013*

bikorwa zimaze kwemezwan'urwego rubishinzwe;	them after approval by a competent organ;	œuvre après approbation par l'organe compétent;
2° gutegura amabwiriza yerekeye uko abanyeshuri bemererwa kwiga muri Koleji ya UR, uko biga, uko bitwara, ayerekeye ibizamini n'ayerekeye impamyabumenyi n'impamyabushobozi zitangwa na Koleji ya UR, ikayashyikiriza Urwego rushinzwe imyigire n'imyigishirize;	2° to prepare guidelines relating to admission of students in a UR College, mode of studies, conduct of students, examinations and diplomas as well as certificates offered by College of UR and transmit them to Academic Senate;	2° préparer pour approbation du Sénat Académique, les directives sur les conditions d'admission des étudiants au Collège de UR, les conditions d'enseignement, la conduite des étudiants, la passation des examens, celles relatives aux diplômes et certificats délivrés par l'UR;
3° gusuzuma imyanzuro yafashwe ku byerekeye ibizamini n'andi masuzuma, ikayishyikiriza Urwego rushinzwe imyigire n'imyigishirize;	3° to examine the decisions taken on matters relating to examinations and other tests and transmit them to the Academic Senate;	3° analyser les décisions prises sur les examens et autres évaluations et les soumettre au Sénat Académique ;
4° gutegura imyanzuro yerekeranye no gushyira mu myanya no kuzamura mu ntera abarimu n'abashakashatsi no ku kubafatira ibihano;	4° to prepare decisions relating to appointment, promotion of the academic and research staff and take disciplinary measures against them;	4° préparer et soumettre au Sénat Académique les propositions relatives au placement, à l'avancement et aux mesures disciplinaires du personnel académique et de recherche ;
5° kugenzura ibyerekeye inyigisho, ubushakashatsi n'uburere mu Mashuri no mu mashami;	5° to supervise activities relating to courses, research and education in Schools and departments;	5° superviser l'enseignement, la recherche et l'éducation au sein des Ecoles et des départements;
6° kugeza ku Rwego rushinzwe imyigire n'imyigishirize ibitekerezo ku byerekeye gushyiraho, kugabanya, guhindura, gukuraho no guhuza Amashuri cyangwa amashami;	6° to submit views to the Academic Senate on matters relating to establishing, reducing, changing, closing and merging of Schools or departments;	6° soumettre au Sénat Académique des propositions de création, de réduction, de changement, de suppression ou de fusion des Ecoles et des départements;
7° gutegura no kugeza ku Rwego rushinzwe imyigire n'imyigishirize raporo ya buri mwaka ku bikorwa byose byerekeye inyigisho, ubushakashatsi n'uburezi;	7° to prepare and submit to the Academic Senate the annual report on all academic, research and education activities;	7° préparer et soumettre au Sénat Académique le rapport annuel de toutes les activités académiques, de recherche et d'éducation;
8° gutunganya izindi nshingano ishobora guhabwa n'Inama y'Ubuyobozi.	8° to fulfil other duties as may be assigned by the Board of Governors.	8° exécuter toute autre activité lui confiée par le Conseil d'Administration.



*Official Gazette n°51 of 23 December 2013*

**Ingingo ya 43: Abagize Inama ishinzwe inyigisho**

**Article 43: Membership of the Academic Council**

**Article 43: Composition du Conseil Académique**

Inama ishinzwe inyigisho igizwe n'aba bakurikira:

The Academic Council shall be composed of the following persons:

Le Conseil académique est composé de membres suivants:

1° Umuyobozi wa Koleji ya UR ari na we Perezida wayo ;

1° the Principal of the College of UR, who shall be the Chairperson;

1° le Directeur du Collège de UR, qui en est le Président ;

2° Umuyobozi ushinzwe inyigisho, ari na we Visi Perezida n'umwanditsi w'Inama;

2° the Director of academic affairs, who shall be the Vice Chairperson and rapporteur of the Council;

2° le Directeur des Affaires académiques, qui en est le Vice Président et rapporteur du Conseil;

3° Abayobozi b'Amashuri;

3° the Deans of Schools;

3° les Doyens d'Ecoles;

4° Abakozi bashinzwe ireme ry'imyigishirize n'ubushakashatsi;

4° the officers in charge of academic quality assurance and research;

4° les responsables de la qualité de l'enseignement et de la recherche ;

5° Umwarimu umwe (1) utorwa na bagenzi be muri buri shuri;

5° one (1) academic staff elected by his/ her colleagues per School;

5° un (1) membre du personnel académique élu par ses pairs au niveau de chaque école;

6° Abayobozi b'amashami;

6° the Heads of Departments;

6° les Directeurs de Départements ;

7° Umunyeshuri umwe (1) ufite mu nshingano ze ibijyanye n'inyigisho mu ishyirahamwe rusange ry'abanyeshuri biga muri Koleji ya UR;

7° one (1) student in charge of academic affairs in the students' association of the College of UR;

7° un (1) étudiant, commissaire aux affaires académiques de l'Association générale des étudiants du Collège de UR;

8° umunyeshuri umwe (1) muri buri Shuri utorwa na bagenzi be.

8° one (1) student per School elected by his/ her peers.

8° un (1) étudiant par Ecole élu par ses pairs.

Abagize Inama ishinzwe inyigisho ya Koleji ya UR bitoramo umwanditsi wungirije mu nama yayo ya mbere utorwa mu bayobozi b'amashuri.

During their first meeting, the members of the Academic Council of the College of UR shall elect among themselves, the deputy rapporteur. He/she shall be elected among the Deans of Schools.

A la première séance, le Conseil Académique du Collège de UR élit en son sein un Rapporteur adjoint qui est choisi parmi les Doyens d'Ecoles.

Uretse abari mu Nama ishinzwe inyigisho kubera imirimo bashinzwe, abandi batorerwa igihe

With exception of ex-officio members of the Academic Council, the term of office of the

A l'exception des membres d'office du Conseil Académique, le mandat des membres du Conseil

*Official Gazette n°51 of 23 December 2013*

cy'imyaka itatu (3) gishobora kongerwa rimwe gusa.

**Ingingo ya 44: Iterana ry'inama y'Inama ishinzwe inyigisho**

Inama ishinzwe inyigisho ya Koleji ya UR iterana rimwe mu mezi abiri (2) n'igihe cyose bibaye ngombwa, itumiwe na Perezida wayo cyangwa Visi Perezida iyo Perezida adahari, cyangwa bisabwe mu nyandiko na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abayigize.

Inama y'Inama ishinzwe inyigisho iterana iyo hari nibura bibiri bya gatatu (2/3) by'abayigize.

**Ingingo ya 45: Itumira mu nama z'Inama ishinzwe inyigisho ry'umuntu ushobora kuyungura inama**

Inama ishinzwe inyigisho ya Koleji ya UR ishobora gutumira mu nama zayo umuntu wese ibona ashobora kuyungura inama ku ngingo runaka ifite ku murongo w'ibygwa.

Uwatumirwe ntiyemerewe gutora no gukurikirana iyigwa ry'izindi ngingo zitari izo yahamagariwe.

**Ingingo ya 46: Gushyiraho amatsinda yihariye y'Inama ishinzwe inyigisho**

Inama ishinzwe inyigisho ishobora gushyiraho amatsinda yihariye agizwe na bamwe mu bayigize.

members of the Academic Council shall be three (3) years renewable only once.

**Article 44: Meetings of the Academic Council**

The Academic Council of the College of UR shall meet once in two (2) months and whenever necessary upon the invitation by its Chairperson or Vice-Chairperson in case the Chairperson is absent, or upon request in writing of one third (1/3) of its members.

The Academic Council shall meet if at least two thirds (2/3) of its members are present.

**Article 45: Invitation of a resourceful person in the meetings of the Academic Council**

The Academic Council of the College of UR may invite in its meeting any resourceful person with particular expertise in order to support it regarding particular issues on agenda.

The invitee shall not be allowed to vote and discuss other issues on the agenda for which he/she was not invited for.

**Article 46: Establishing specialized committees of the Academic Council**

The Academic Council may establish specialized committees composed of some of its members.

Académique est de trois (3) ans renouvelable une seule fois.

**Article 44 : Tenue des réunions du Conseil Académique**

Le Conseil Académique du Collège de UR se réunit une fois tous les deux (2) mois, et autant de fois que de besoin sur convocation de son Président ou de son Vice-Président en cas d'absence ou d'empêchement du Président, ou sur demande écrite d'un tiers (1/3) de ses membres.

Le Conseil Académique se réunit lorsqu'au moins deux tiers (2/3) de ses membres sont présents.

**Article 45: Invitation d'une personne ressource aux réunions du Conseil Académique**

Le Conseil Académique du Collège de UR peut inviter à ses réunions toute personne qu'il estime compétente pour l'aider à traiter des questions particulières à l'ordre du jour.

La personne invitée n'a pas de voix délibérative et participe uniquement aux débats concernant le point sur lequel elle est consultée.

**Article 46: Création des commissions spécialisées au sein du Conseil Académique**

Le Conseil Académique peut créer des commissions spécialisées composées de certains de ses membres.

**Akiciro ka 5: Inama y'Ishuri**

**Ingingo ya 47: Inshingano z'Inama y'Ishuri**

Inama y'Ishuri ni rwo rwego rushinzwe inyigisho, ubushakashatsi n'uburere ku rwego rw'Ishuri.

Inshingano z'Inama y'ishuri ni izi zikurikira:

- 1° kwita ku mikorere rusange y'imirimo irebana n'ubuyobozi, imyigishirize, uburezi n'ubushakashatsi mu Ishuri;
- 2° kwakira no kwemeza raporo z'Inama z'Amashami ;
- 3° kwemeza amasomo agenewe buri mwarimu;
- 4° kwemeza imishinga y'ubushakashatsi;
- 5° gufata ibyemezo ku birebana n'amanota y'abanyeshuri.

**Ingingo ya 48: Abagize Inama y'Ishuri**

Inama y'ishuri igizwe n'aba bakurikira:

- 1° Umuyobozi w'ishuri, ari na we Perezida wayo;
- 2° Umuyobozi wungirije w'ishuri, ari na we Visi-Perezida wayo;

**Sub-Section 5: School Council**

**Article 47: Responsibilities of the School Council**

The School Council shall be the organ responsible for academic affairs, research, and education at the School level.

The responsibilities of the School Council shall be the following:

- 1° to ensure the general smooth running of administrative, academic, educational and research activities within the School;
- 2° to receive and approve Departmental Council reports;
- 3° to approve the workload of each academic staff;
- 4° to approve research projects;
- 5° to deliberate marks of students.

**Article 48: Membership of the School Council**

The School Council shall be composed of:

- 1° the Dean of the School, who shall be the Chairperson;
- 2° the Deputy Dean of the School, who shall be the Deputy Chairperson;

**Sous section 5: Conseil d'Ecole**

**Article 47 : Attributions du Conseil d'Ecole**

Le Conseil d'Ecole est l'organe responsable des affaires académiques, de la recherche et de l'éducation au niveau de l'Ecole.

Les attributions du Conseil d'Ecole sont les suivantes:

- 1° s'assurer du déroulement général des activités administratives, académiques, d'éducation et de recherche au sein de l'école ;
- 2° recevoir et approuver les rapports du Conseil des Départements ;
- 3° approuver la charge horaire de chaque membre du personnel académique ;
- 4° approuver les projets de recherche ;
- 5° faire la délibération des résultats des étudiants.

**Article 48 : Composition du Conseil d'Ecole**

Le Conseil d'Ecole est composé des membres suivants:

- 1° le Doyen d'Ecole, qui en est le Président;
- 2° le Vice-Doyen d'Ecole, qui en est le Vice-président ;

**Official Gazette n°51 of 23 December 2013**

- |   |   |   |
|---|---|---|
| 3° Abayobozi b'amashami;  | 3° the Heads of Departments;  | 3° les Directeurs de Départements ;                               |
| 4° Abarimu n'abashakashatsi bahoraho b'ishuri;                          | 4° the permanent academic and research staff of the School;                               | 4° le personnel académique et de recherche permanente de l'école; |
| 5° Umunyeshuri umwe (1) utorwa na bagenzi be muri buri shami ry'ishuri. | 5° One (1) student from each Department of the School elected by his/her fellow students. | 5° un (1) étudiant par Département de l'Ecole élu par ses pairs.  |

Abagize Inama ishinze inyigisho ya Koleji ya UR bitoramo umwanditsi mu nama yayo ya mbere utorwa mu bayobozi b'amashuri.

During their first meeting, the members of the Academic Council of the College of UR shall elect among themselves, the rapporteur. He/she shall be elected among the Deans of Schools.

A la première séance, le Conseil Académique du Collège de UR élit en son sein un rapporteur qui est choisi parmi les Doyens d'Ecoles.

Uretse abari mu Nama ishinze inyigisho kubera imirimo bashinze, abandi batorerwa igihe cy'imyaka itatu (3) gishobora kongerwa rimwe gusa.

With exception of ex-officio members of the Academic Council, the term of office of the members of the Academic Council shall be three (3) years renewable only once.

A l'exception des membres d'office du Conseil Académique, le mandat des membres du Conseil Académique est de trois (3) ans renouvelable une seule fois.

**Ingingo ya 49: Imikorere y'inama y'ishuri**

**Article 49: Functioning of the School Council**

**Article 49 : Fonctionnement du Conseil d'Ecole**

Ibyerekeye imikorere y'inama y'ishuri bigenwa n'amategeko ngengamikorere ya UR.

The functioning of the School Council shall be determined by the internal rules and regulations of UR.

Les modalités de fonctionnement du Conseil d'Ecole sont déterminées par le règlement d'ordre intérieur de UR.

**Akiciro ka 6: Inama y'Ishami**

**Sub-Section 6: Department Council**

**Sous section 6: Conseil de Département**

**Ingingo ya 50: Inshingano z'Inama y'Ishami**

**Article 50: Responsibilities of the Department Council**

**Article 50 : Attributions du Conseil de Département**

Inama y'Ishami ni rwo rwego rushinze inyigisho, ubushakashatsi n'uburezi ku rwego rw'Ishami.

The Department Council is the organ responsible for academic affairs, research, and education at the Department level.

Le Conseil de Département est l'organe responsable des affaires académiques, de la recherche et de l'éducation au niveau du Département.

*Official Gazette n°51 of 23 December 2013*

Inama y'Ishami ifite inshingano zikurikira:	The responsibilities of the Department Council shall be the following:	Les attributions du Conseil de Département sont les suivantes:
1° gutegura ingamba, gahunda n'ingengabihe z'inyigisho n'iz'ibikorwa by'ubushakashatsi by'Ishami, kuzishyikiriza ubuyobozi bw'Ishuri no kuzishyira mu bikorwa zimaze kwemezwa n'ubuyobozi bw'Ishuri;	1° to develop strategies, the program and the timetable of courses and research activities in the Department, submit them to the school administration and implement them after approval by the School's administration;	1° élaborer les stratégies, le programme et l'horaire des cours et des activités de recherche au sein du Département, les soumettre à l'administration de l'école et les mettre en application après approbation par l'administration de l'Ecole;
2° gushyira mu bikorwa gahunda z'Ishuri zijyanye n'inshingano ziryo shami;	2° to implement the programs of the school in relation with the mission of the Department;	2° mettre en application les programmes de l'école en rapport avec la mission du Département;
3° gutegura gahunda y'inyigisho no gukurikirana imyigire n'inyigishirize mu Ishami;	3° to prepare the curriculum and follow up on the learning and teaching activities within the Department;	3° élaborer le programme de cours et faire le suivi de l'apprentissage et de l'enseignement au sein du Département;
4° kugenzura ibyerekeye inyigisho, ubushakashatsi n'uburere mu Ishami;	4° to oversee the activities of teaching, research and education within the Department;	4° contrôler les activités d'enseignement, de recherche et d'éducation au sein du Département;
5° kugira uruhare mu itegurwa ry'iteganyabikorwa ry'Ishuri no gushyira mu bikorwa ibikorwa birebana n'ishami;	5° to actively participate in the development of School's plan of action and implement the activities falling under the department responsibilities;	5° participer activement à l'élaboration du plan d'action de l'Ecole et mettre en oeuvre les activités sous la responsabilité du Département;
6° gutegura no kugeza ku buyobozi bw'Ishuri raporo ya buri kwezi ku bikorwa byose byerekeye inyigisho, ubushakashatsi n'uburere;	6° to prepare and submit to the administration of the School the monthly report of all activities relating to the teaching, research and education;	6° élaborer et soumettre à l'administration de l'Ecole le rapport mensuel de toutes les activités relatives à l'enseignement, la recherche et l'éducation;
7° gutunganya izindi nshingano ishobora guhabwa n'ubuyobozi bw'Ishuri.	7° to perform any other activity as may be assigned by the School's administration.	7° exécuter toute autre activité lui confiée par l'administration de l'Ecole.

**Ingingo ya 51: Abagize Inama y'Ishami**

Inama y'Ishami igizwe n'aba bakurikira:

- 1° Umuyobozi w'Ishami, ari na we Perezida wayo;
- 2° Abarimu n'abashakashatsi bahoraho b'Ishami;
- 3° Umunyeshuri umwe (1) uturwa na bagenzi be mu rwego rw'Ishami.

**Ingingo ya 52: Imikorere y'Inama y'ishami**

Amategeko ngengamikorere ya UR agena ibyerekeye imikorere y'Inama y'Ishami.

**Icyiciro cya 3: Amategeko ngengamikorere**

**Ingingo ya 53: Amategeko ngengamikorere**

Ibindi bijyanye n'imiterere n'imikorere by'inzego bidateganyijwe n'iri teka biteganywa n'amategeko ngengamikorere ya UR.

**Article 51: Membership of the Department Council**

The Department Council shall be composed of:

- 1° the Head of the Department, who shall be the Chairperson;
- 2° the academic and research permanent staff of the Department;
- 3° One (1) student elected by his/her peers students at the department level.

**Article 52: Functioning of the Department Council**

The internal rules and regulations of UR shall determine the functioning of the Department Council.

**Section 3: Internal rules and regulations**

**Article 53: Internal rules and regulations**

Internal rules and regulations shall determine other issues related to the organisation and functioning of organs of UR not provided for by this Order.

**Article 51 : Composition du Conseil de Département**

Le Conseil de Département est composé des membres suivants:

- 1° le Chef de Département, qui en est le Président;
- 2° le personnel académique et permanent de recherche du Département;
- 3° un (1) étudiant élu par ses pairs au niveau du Département.

**Article 52 : Fonctionnement du Conseil de Département**

Le règlement d'ordre intérieur de UR détermine les modalités de fonctionnement du Conseil de Département.

**Section 3 : Règlement d'ordre intérieur**

**Article 53 : Règlement d'ordre intérieur**

Le règlement d'ordre intérieur détermine d'autres dispositions relatives à l'organisation et fonctionnement des organes de UR non prévues par le présent arrêté.

**UMUTWE WA IV : INGINGO ZISOZA**

**Ingingo ya 54: Ushinzwe kubahiriza iri teka**

Minisitiri w'Uburezi asabwe kubahiriza iri teka.

**Ingingo ya 55: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyeho.

**Ingingo ya 56: Igihe iteka ritangirira gukurikizwa**

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 02/12/2013

(sé)

**Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien**  
Minisitiri w'Intebe

(sé)

**BIRUTA Vincent**  
Minisitiri w'Uburezi

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

(sé)

**BUSINGYE Johnston**  
Minisitiri w'Ubutabera / Intumwa Nkuru ya Leta

**CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS**

**Article 54: Authority responsible for the implementation of this Order**

The Minister of Education is entrusted with the implementation of this Order.

**Article 55: Repealing provision**

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

**Article 56 : Commencement**

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 02/12/2013

(sé)

**Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien**  
Prime Minister

(sé)

**BIRUTA Vincent**  
Minister of Education

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

(sé)

**BUSINGYE Johnston**  
Minister of Justice / Attorney General

**CHAPITRE IV: DISPOSITIONS FINALES**

**Article 54: Autorité chargée de l'exécution du présent arrêté**

Le Ministre de l'Education est chargé de l'exécution du présent arrêté.

**Article 55 : Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

**Article 56 : Entrée en vigueur**

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 02/12/2013

(sé)

**Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien**  
Premier Ministre

(sé)

**BIRUTA Vincent**  
Ministre de l'Education

**Vu et scellé du Sceau de la République :**

(sé)

**BUSINGYE Johnston**  
Ministre de la Justice / Garde des Sceaux